Ubwami bw'Imana ni iki? (Igice cya 1)

Bishingiye ku gice cya 8 cy'igitabo *Ni iki mu by'ukuri Bibiliya yigisha?* kiboneka ku rubuga rwa jw.org/rw.

INTEGO: Suzuma ibyo wizera n'impamvu ubyizera, usuzume icyo Bibiliya yigisha, maze urebe uko wasobanurira abandi ibyo wizera.



KUKI ABATEGETSI B'UBWAMI BW'IMANA BUJUJE IBISABWA NGO BASOHOZE IYO NSHINGANO?

1 SUZUMA IMYIZERERE YAWE

Wumva abandi bantu basubiza bate icyo kibazo?

Kuki ari uko ubyemera?

www.jw.org © 2015 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

2 SUZUMA ICYO BIBILIYA YIGISHA

Yesu ni Umwami uruta abandi.

(Reba igitabo *Icyo Bibiliya yigisha,* igice cya 8 paragarafu ya 1-7.)

Soma muri 1 Timoteyo 6:15, 16.

Iyi mirongo igaragaza ite ko Yesu azakora ibintu byiza byinshi kurusha undi mutegetsi w'umuntu uwo ari we wese?

Soma muri Yesaya 11:2-4.

Ubu buhanuzi bugaragaza ko Yesu azaba ari umutegetsi umeze ate?



Yehova yatoranyije abantu b'indahemuka bo hirya no hino ku isi kugira ngo bazategekane na Yesu

www.jw.org © 2015 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

Yehova yatoranyije abandi bategetsi bashobora kwishyira mu mwanya wacu.

(Reba igitabo *Icyo Bibiliya yigisha,* igice cya 8 paragarafu ya 8-10.)

Soma mu Byahishuwe 5:10 n'igice cya 14:1, 4.

Ukurikije iyi mirongo, ni ba nde bandi bazategekana na Yesu?

Tubwirwa n'iki ko abazategekana na Yesu bashobora kwiyumvisha ingorane duhura na zo? (Igisubizo: ongera usome mu Byahishuwe 14:4b; gereranya na 1 Abakorinto 6:9-11.)

Ni iki kikwemeza ko Yesu n'abantu 144.000 bujuje ibisabwa ngo bazabe abategetsi mu Bwami bw'Imana?

www.jw.org © 2015 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

3 SOBANURIRA ABANDI IMYIZERERE YAWE

NIBA UMUNTU AKUBWIYE ATI . . .

Hashize imyaka ibarirwa mu bihumbi Yesu apfuye. Nta kintu na kimwe yamarira muri iki gihe.

USHOBORA KUMUSUBIZA UTI . . .

Abantu benshi babibona batyo. Ariko jye si uko mbibona kubera ko . . .

_____

Ni uwuhe murongo w'Ibyanditswe wasomera uwo muntu?

_____

Ni mu buhe buryo wafasha uwo muntu gutekereza kuri uwo murongo, uzirikana uko abona ibintu?

_____

NIBA UMUNTU AKUBWIYE ATI . . .

Mu ijuru hari abamarayika benshi, ubwo rero sinumva impamvu Imana yatoranya abantu 144.000 hano ku isi.

USHOBORA KUMUSUBIZA UTI . . .

Ni byo koko mu ijuru hari abamarayika benshi cyane. Icyakora nemera ko gutoranya abantu b'indahemuka ngo bazadutegeke bifite akamaro kubera ko . . .

_____

_____

Ni uwuhe murongo w'Ibyanditswe wasomera uwo muntu?

_____

Ni mu buhe buryo wafasha uwo muntu gutekereza kuri uwo murongo, uzirikana uko abona ibintu?

_____

www.jw.org © 2015 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania